

Yehova yakomeje Gideyoni

ABACAMANZA IGICE CYA 6-7

ABISIRAYELI NTIBARI BOROHEWE. ABAMIDIYANI BAHORAGA BABATERA. ABAMIDIYANI BABUZAGA ABISIRAYELI AMAHWEMO, BAKABATERA KANDI BAKANGIZA IMYAKA YABO.

ABISIRAYELI BATAKAMBIYE YEHOVA NGO ABATABARE.

YEHOVA, TURAKWINGINZE DUTABARE!


IMANA YOHEREJE UMUMARAYIKA KU MUGABO WITWA GIDEYONI.

JYEWE? NKANJYE NAKIRISHA IKI ABISIRAYELI?

YEHOVA ARI KUMWE NAWA WA MUNYAMBARAGA WINTWARI WE. UZAKIZA ABISIRAYELI.

KUBERA KO YEHOVA AZABA ARI KUMWE NAWA.

KUGIRA NGO YEHOVA AREBE NIBA GIDEYONI YARAMWIRINGIRAGA ABIKUYE KU MUTIMA, YAMUHAYE INSHINGANO ITOROSHYE YO KUJYA GUSENYA IGICANIRO CY'IKIGIRWAMANA.



GIDEYONI YAFASHE ABAGAGO ICUMI BAGENDA BITWIKIRIYE IJORO BASENYA IGICANIRO CY'ICYO KIGIRWAMANA.

ARIKO ABISIRIYELI BARI BAKIRI MU KAGA! ABAMIDIYANI N'IZINDI NGABO BARI BAMBUTSE BAKAMBITSE MU KIBAYA CYA YEZERELI.


TWAGEZE MU GIHUGU CYABO. UBU NTA WADUTANGIRA!

TUBARUSHA IMBARAGA RWOSE!

GIDEYONI YASABYE YEHOVA IKIMENYETSO KIGARAGAZA KO YARI KUMUFASHA. NI YO MPAMVU YEHOVA YAKOZE IBITANGAZA BIBIRI. (SOMA MU BACAMANZA 6:36-40.)



GIDEYONI N'ABASIRIKARE BE BITEGUYE GUHANGANA N'ABAMIDIYANI.



NIDUKURIKIZA AMABWIRIZA DUHABWA NA YEHOVA, ARI BUDUFASHE GUTSINDA!

YEHOVA AVUGISHA GIDEYONI.

GIDEYO, URAJYANA N'ABASIRIKARE B'INTWARI 300 GUSA. NI BWO UZAMENYA KO ARI JYE WAKIJIJE ABISIRAYELI.



UBU SE TURARWANA DUTE?

BURI WESE NATWARE IHEMBE, IKIBINDI, N'IFUMBA IGURUMANA.

HANYUMA TURI BWUBAHIRIZE IBYO GIDEYONI ATUBWIRA.




YEHOVA ARI KUMWE NATWE! NIMUBONA IGICUKU KINISHYE, MUVUZE AMAHEMBE, MUKUBITE IBIBINDI HASI MAZE MUVUGE MUTI . . .

**INKOTA
NI IYA YEHOVA
NA GIDEYONI!**

HABAYE IKI?

**ABISIRAYELI
BARI HANO!**



ABAMIDIYANI **BARAHUNGA**, MAZE ABISIRAYELI
BABIRUKAHO. NUBWO **UGERERANYIJE**
UMWISIRAYELI 1 YAGOMBAGA KURWANA
N'ABAMIDIYANI 450, YEHOVA YABAFASHIJE
GUTSINDA URWO RUGAMBA.

NI IKI YI NKURU ITWIGISHIJE?

KUKI GIDEYONI **YATINYAGA** ABAMIDIYANI?

IGISUBIZO: ABACAMANZA 6:2-6, 15.

GIDEYONI YAKOZE IKI KUGIRA NGO **AGIRE**
UBUTWARI?

IGISUBIZO: ABACAMANZA 6:27a, 36-40.

WAKORA IKI KUGIRA NGO **UGIRE**
UBUTWARI IGIHE UFITE UBWOBA?

IGISUBIZO: ZABURI 138:3, 8; IMIGANI 17:
17; ABAHEBURAYO 13:6.